PROFESSIONAL BAILIFFS ASSOCIATION
URUGAGA RW'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA

CORPS DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS
P.O. BOX 3975 KICUKIRO,
KIGALI - RWANDA

Kigali, 16/11/2023
N° 855/PBA/T.T/2023

**Bwana/Madamu Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga (Bose)**

**<u>Impamvu</u>: Kugusaba gushyira muri system ya iecms Final Report y'inyandikompesha zose urangiza**

Bwana/Madamu,

Hashingiwe kuri raporo y'irangizwa ry'inyandikompesha yatanzwe na system ya iecms igaragaza inyandikompesha zakiriwe n'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga n'izo barangije mu kwezi kwa Nzeri n'Ukwakira 2023, bikaba bigaragara ko muri Nzeri 2023 Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bakiriye inyandikompesha 860, izarangijwe zingana na 293 naho 567 zikaba zitararangizwa, bisobanuye ko inyandikompesha zarangijwe muri Nzeri 2023 ziri kw'ijanisha rya **34%**; mu gihe mu kwezi kw'Ukwakira 2023 izakiriwe zingana na 703, harangizwa 250 naho 452 zikaba zitararangizwa, bivuze ko izarangijwe ziri kw'ijanisha rya **36%**;

Nejejwe no kubandikira nongera kubasaba ko buri Muhesha w'Inkiko w'Umwuga agomba kujya ashyira muri system ya iecms ***Final Report*** **y'inyandikompesha zose yarangije** kugira ngo system igaragaze umubare wa nyawo w'izarangijwe kuko nk'uko mubibona biragaragara ko inyandikompesha zirangizwa ari nkeya cyane ugereranyije n'iziba zakiriwe, musabwe kubyubahiriza kuko uwo bizagaragaraho atabyitaho azafatirwa ibihano.

Ugire amahoro.

**Me NIYONKURU Jean Aimé**

Perezida w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga

**<u>Bimenyeshejwe</u>:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta/<u>KIGALI</u>

CORPS DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS KIGALI - RWANDA

Website: www.pba-co.org E-mail: info@pba-co.org Twitter: @Bailiffs_Rwanda Facebook: Probailiffs Rwanda Pobox: 3975 Kigali-Rwanda Telephones: 0786339798/0783408871/0788863100